REPUBULIKA Y'U RWANDA

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE

Aho kibarizwa : **Mu nyubako yahoze ari iya Minisiteri y'Igenamigambi, ku Muhima, Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali-Rwanda**
Tel: (250), +250 -252-571035
Fax: (250), +250 -252-57
Urubuga rwa Interineti: www.statistics.gov.rw
Imeyire: **info@statistics.gov.rw**

INYANDIKO IKUBIYEMO SERIVISI ZIHABWA ABATUGANA

"Niba utazi kubara, ntubarwa "

Ukuboza, 2011

AMASHAKIRO

I. IRIBURIRO..... 11
II. ICYEREKEZO..... 11
III. INTEGO..... 11
IV. INSHINGANO ZACU Z'IBANZE 12
V. INDANGAGACIRO Z'IBANZE ZITURANGA 12
VI. Amahame y'ingenzi agenga imibare fatizo igenderwaho mu igihugu..... 12
SERIVISI ZITANGWA N'IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHA-MIBARE (NISR) 14
Ubwoko bwa serivisi 1: Gukora ku buryo imibare fatizo ngenderwaho itangwa ku bayikeneye bose. 14
Ubwoko bwa serivisi ya 2: Viza 17
Ubwoko bwa serivisi ya 3: Guhuza Inzego z'igihugu z'Ibarurishamibare 20
Ubwoko bwa serivisi ya 4: Serivisi y'Ubuyobozi..... 23
A. Gutanga akazi 23
B. Icyemezo cyanyuma Cy'Umukoresha..... 27
Ubwoko bwa serivisi ya 5: Serivisi yo Kugura ibikenewe/gutanga amasoko 29
Ubwoko bwa serivisi ya 6: Serivisi y'Imari..... 32
Ubwoko bwa serivisi ya 7: Amakarita 34

IJAMBO RY'IBANZE

Nshimishijwe no kubagezaho iyi nyandiko ikubiyemo serivisi zitangwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR).

Iyi nyandiko ikubiyemo izo serivisi dutanga yateguwe mu rwego rwa gahunda ya Leta y'ivugururamikorere kandi hitawe ku kunoza imikorere ijyanye no kwakira neza abatugana nta guca ku ruhande kandi buri muntu akoze icyo agomba gukora.

Iyi nyandiko ikubiyemo serivisi dutanga isobanura inshingano z'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare, ikanagaragaza serivisi zose zihatangirwa n'ibisabwa ngo izo serivisi zitangwe neza. Inerekana kandi urutonde rw'aho izo serivisi zitangirwa n'amategeko azigenga.

Gutegura iyi nyandiko nsobanuramikorere rero bigaragaza ubushake bwacu bwo gufata neza abatugana hagamijwe kurushaho kumvikanisha neza serivisi ikigo cyacu gitanga no kunoza uburyo abatugana batugeraho bitabagoye.

Yusuf Umurangwa
Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo
w'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare.

Iki Gitabo kigaragaza serivisi NISR igenera abayigana. Ni muri urwo rwego musanga gikubiyemo serivisi zitandukanye n'aho zitangirwa, uburyo zitangwa, igihe zitangirwa, n'Uburyo abatanyuzwe na Serivisi bahawe banyuramo bagaragaza ibibazo kugira ngo barenganurwe. Iki gitabo kigaragaza izi ngingo zikurikira:

- Icyerekezo n'Intego bya NISR byerekana ubushake bwo gutanga serivisi nziza kandi zinoze muri ubu buryo bukurikira:
  - Ubunyangamugayo
  - Hubahirizwa amategeko
  - Mu bwitonzi n'Ubupfura
  - Mu bwumvikane
  - Mu kuri no kudatoranya
  - Mu mucyo
  - Kugaragaza ibyo ikora
  - Gukorera ku gihe
  - Gutanga serivisi nziza kandi ku gihe cyabigenewe.
- Isesengura rya serivisi zitangwa na NISR:
  - Kugaragaza neza serivisi zitangwa na NISR,
  - Kwerekana Ishami serivisi zitangirwamo. Muri ubu buryo Abaturage bazamenya neza Ishami cyangwa Ibiro bagana, bityo bahabwe serivisi badatakaje igihe n'Ingufu zo gutegereza;
  - Kugaragaza igihe nyacyo bitwara buri serivisi itangwe. Ibi bizaha abaturage amakuru y'ingirakamaro bibarinde guhora mu nzira no gukubita amaguru y'ubusa.
  - Gushyiraho ibipimo bya serivisi nziza hagaragazwa amasaha bitwara kugira ngo umuturage abone iyo serivisi, uburyo izo serivisi ziboneka, ukuri kuba kuri mu itangwa ry'izo serivisi, icyizere cyo gukomeza kubona izo serivisi, niba umuturage ashobora kuyigeraho, uburyo yumvikanishwa, mu kuri, uburemere bifite n'ubwitonzi mu gutanga

serivisi; Hashingiwe kuri ibi, Abaturage bashobora kwizera gutera imbere

- Amakuru nyayo ku nyandiko zisabwa n'uburyo bwo kubona serivisi muri NISR. Urugero, ibyangombwa bikeneye kwerekanywa, n'impapuro zigomba kuzuzwa n'umuturage ushaka serivisi.

- Gusobanura neza Abaturage, ibyiciro by'abantu bemerewe kwaka buri serivisi itangwa na NISR.
- Kugaragaza Abakozi bashinzwe gutanga izo serivisi n'aho babarizwa ndetse n'uburyo bwo kubahamagara cyangwa kubandikira igihe bibaye ngombwa.
- Uburyo bwo kurenganurwa igihe udahawe iyo serivisi cyangwa se uburyo wayihawemo butakunogeye.
- Uko umuturage ashobora gutanga inama n'ibitekerezo ku buryo buhoraho hagamijwe guteza imbere no kunoza imitangire ya serivisi muri NISR.
- Amakuru n'uburyo bwatuma serivisi za NISR zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenera.

Iki Gitabo kirimo serivisi zihabwa abaturage ni igikoresho cyo kugeza amakuru ahagije kandi asobanutse ku bagana serivisi za NISR no gushyiraho ibipimo hagamijwe kwimakaza umuco wo gukorera m'ukuri Nzego za Leta. Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kizatuma abagana serivisi za NISR bazahabwa serivisi zihuse binarandure umuco wo gutinza serivisi byagaragaraga mu itangwa rya serivisi mu Nzego za Leta.

Hashingiye ko ko serivisi zigomba kujyana n'ibyifuzo by'Abaturage, NISR yiyemeje kubamenyesha Serivisi bashobora gusaba, inshingano n'uburenganzira bwabo igihe bashaka izo serivisi.

Kubera ko NISR isanga itakora ibi yonyine, niyo mpamvu isaba Abaturarwanda guhoza ijisho ku bakozi bayo kugira ngo bakorere ibibakwiye, bibereye, kandi bifite ireme no gutanga amakuru asobanutse kuri serivisi bifuza no

gukuraho inzitizi zose zatuma itangwa rya serivisi ridatera imbere.

Mu by'ukuri, kugira ngo ishyirwamubikorwa ry'iki Gitabo gikubiyemo serivisi rishoboke, NISR yizeye ko hazakomeza kubaho ubufatanye no guhana amakuru n'abaturage bayigana bashaka serivisi. Kubera iyi mpamvu NISR yashyizeho uburyo bunoze bwo bwo kugisha inama abagana serivisi zayo:

- Ifishi cyangwa urupapuro byandikwaho ibitekerezo n'inama zitangwa muri buri Shami;
- Agasanduku k'ibitekerezo kaboneka aho binjirira;
- Umunsi w'Imurikabikorwa
- Amatsinda ngishwanama ahuriwemo n'Abagana serivisi za NISR
- Umurongo wa telefoni utishyurwa;
- Gukora anketi n'ipereereza ku bagana serivisi za NISR gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe
- Uburyo bwo kurenganurwa no gukemura ibibazo bugaragaza inzira abagana NISR banyuramo batanga ibitekerezo kuri serivisi bahabwa.

Iki Gitabo cyerekana neza ingamba zafatwa igihe serivisi zidatanzwe uko bikwiye. Niyo mpamvu rero NISR ishishikariza abagana serivisi zayo gutanga inama ku bibazo babinyujije mu buryo buhari bwagenwe bwo kugaragaza ibibazo, bworoshye gukoreshwa kuri buri wese. NISR izakira ibyo bibazo by'abayigana ibigire ibyayo ikabikemura kandi mu gihe kitarambiranye. Mu buryo bushoboka, igihe cyo kwakira no gukemura ibibazo cyashyizweho. NISR irifuza gufatanya mu buryo bunoze n'abayigana mu gukemura ibibazo by'imitangire ya serivisi. Izi ngingo z'ingenzi nizo zizubahirizwa mu gihe cyo gushyira mu bikorwa iki gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na NISR:

- Gutangiza uburyo buhoraho abasaba serivisi batangamo ibibazo. Uburyo bushoboka buzakoreshwa bugizwe n'urubuga rwa interineti,

kohereza ubutumwa bwanditse kuri telefoni, no gukusanya amakuru ku basaba serivisi aho zitangirwa, udusanduku tw'Ibibazo, iyakure hamwe na telefoni.

- Kugena abashinzwe gukemura ibibazo no kwerekana uburyo bwo gukemura ibibazo imbere hagamijwe gukemura buri kibazo bakiriye.
- Gushyiraho uburyo bugezweho bukoreshwa imbere muri NISR mu gutondeka ibibazo. Ibibazo bishoboka ko byakwandikwa mu buryo busanzwe cyangwa ubushobozi bwaboneka, hagakoreshwa mudasobwa mu buryo butuma ibona igihe nyacyo cyo guhuza imibare.
- Gushyiraho ingengabihe yo gukemura ibibazo, harimo n'igihe cyo kumenya kwakira ibibazo, igihe gikenewe cyo kurangiza iperereza kuri buri rwego, n'igihe cyo kumenyesha abasaba serivisi aho NISR igeze mu iterambere.
- Kwemeza uburyo buzakoreshwa mu gihe habayeho kutubahiriza ibipimo mu itangwa rya serivisi.
- Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana no kugenzura inzira zo gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe.

Mu rwego rwo gushyigikira guhanahana amakuru, inama no kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo, NISR yiyemeje gukoresha itangazamakuru n'ikoranabuhanga rishya, n'ubundi buryo bugezweho nk'ubutumwa bwanditse kuri telefoni, umurongo wa interineti, n'ubundi nka twitter na facebook, n'ibindi binyuranye, cyangwa uruhurirane rw'iyo miyoboro y'ikoranabuhanga.

Mu guteza imbere imitangire ya serivisi, NISR iteganya gukoreshwa ibikoresho tekiniki zikurikira mu ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo gikubiyemo serivisi zihabwa Abaturage:

- Gukora iperereza hagamijwe gukusanya no kumva icyo Abaturage bavuga kuri serivisi bahabwa;
- Gukurikiza ibyiza byakozwe ahandi;
- Isuzumamikorere;
- Amahugurwa, gucunga no kongera ubumenyi;
- Guha ubushobozi no gutanga uburenganzira ku nzego zo hasi zitanga serivisi;
- Kwihutisha ikemurwa ry'ibibazo byabagejejweho;
- Gucunga amakuru.

Hashingiwe ko amakuru ari inkingi nkuru mu gushyirwa mu bikorwa no gukurikirana uko serivisi zigera ku baturage, iki Gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na NISR kizagera ku baturage hifashishijwe uburyo bunyuranye bw'itumanaho no guhana amakuru, bityo gitangazwe ku mugaragaro binyujijwe ku rubuga rwa interineti, radio, ibinyamakuru n'izindi nzira zishoboka kugira ngo kigere ku bantu bose. Kubera iyi mpamvu, NISR irashaka gukoresha iyi miyoboro ikurikira hamwe n'uburyo bwose bwatuma serivisi zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenera :

- Serivisi ishinzwe kwakira abagana Inzego no guhuza amakuru.
- Umunsi w'Imurikabikorwa /Umunsi wo kugaragaza ibyagezweho
- Gutegura no kunyuza mu icapiro inyandiko n'ibikoresho byamamaza:
    - Inyandikompine zitandukanye zamamaza,
    - Ibyapa
    - Ibiganira mbwirwa ruhame cyangwa bigenewe abanyamakuru

- Kwandika no gusohora udutabo: gukora inyandiko zamamaza cyangwa udutabo. Amakuru ari muri utu dutabo agomba kuba asobanura ingingo nyazo, zisobanutse kandi yoroshye kumva. Izi nyandiko zikazajya ziboneka ku buryo bworoshye;

- Gusohora Igitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kikamanikwa imbere y'Ibiro kikanashyirwa ku rubuga rwa interineti;
- Kubinyuza mu matangazo no kubicisha mu binyamakuru bitandukanye;
- Ubutumwa bwo gucishwa kuri radiyo na televisiyo;
- Ibiganiro mbwirwa ruhame kuri radiyo na televisiyo;
- Interineti n'Uburyo buhoraho bwo kuvugurura imiyoboro n'imbuga za interineti z'Inzego za Leta:
    - Gushakisha imiyoboro
    - imbuga za interineti rusange
    - imbuga za interineti ahuriweho n'Inzego zitandukanye
    - urubuga rwa interineti rwihariye

- Ubutumwa bugufi bwanditse buyobora abantu aho bajya bagahabwa serivisi;
- Gukwirakwiza kopi z'nyandiko mu bahagarariye inzego za Leta n'abafatanyabikorwa;
- Amakuru mu binyamakuru;
- Inama n'ibindi bikorwa bigamijwe guteza imbere itangwa rya serivisi.
- Amahugurwa agamije gutanga imirongo migari ku bakozi n'abababahagarariye ku birebana n'itangwa rya serivisi.
- Ubundi buryo (urutonde rw'inyandiko, n'ihuriro ry'Imbuga za interineti).

Muri make, Abagana serivisi zacu bagizwe n'Abashakashatsi, Abanyeshuri, Inzego zigenga, Abaterankunga, Imiryango mpuzamahanga, Abaturage, Inzego z'ibanze, n'Abaturarwanda muri rusange.

Ibyo Twiyemeje gukorera abagana serivisi zacu:

Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kigaragaza ubushake bwa NISR bwo kuba indashyikirwa mu

guha Abaturage n'abafatanyabikorwa serivisi zinoze kandi mu buryo bwihuse. Ni muri urwo rwego twitangiye kubaha serivisi neza uko bikwiye, mu mutuzo n'umutekano kandi mu bushishozi. Tuzaharanira gutanga serivisi zacu mu bunyangamugayo.

Ibyo dutegereje ku bagana serivisi zacu:

Kugira ngo tubahe serivisi neza, mwadufasha kuzamura imikorere mu buryo bukurikira:

- Gufata neza abakozi ba NISR mu bwitonzi kandi mubahesha icyubahiro;
- Kubaha amategeko n'amabwiriza agenga Imitangire ya serivsi mu Nzego z'Uburezi;
- Gutanga inama ku buryo kunoza serivisi zitangirwa muri NISR;
- Guhanahana amakuru ku buryo serivisi zitangwa muri NISR binyujijwe mu miyoboro inyuranye ry'itumanaho rikoresha Ikoranabuhanga rigezweho;
- Kwakira ibibazo byose, inama n'ibitekerezo birebana na buri serivisi no kubishakira ibisubizo bikwiye.

Aho wabariza:

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare cy'u Rwanda
Tel/ **0788459727** cyangwa **0788753246**
E-mail: info@statistics.gov.rw
Web site: www.statistics.gov.rw

Tuzakira, twemere kandi tunashakire ibisubizo ibibazo byose twakiriye mu gihe cy'iminsi itatu (3) y'akazi.
Mu gihe ikibazo kizaba gisaba gukorerwa ipererezа rihagije n'igihe cyo kugikemura, tuzakumenyesha igihe nyacyo cyo kuza gufata igisubizo.

I. IRIBURIRO

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare cy'u Rwanda (NISR) cyashinzwe mu Ukwakira 2005 hakurikijwe Itegeko-ngenga No 10/2005, kiza gisimbura Ishami ry'Ibarurishamibare ryahoze muri Minisiteri y'Igenamigambi. Icyo kigo cyatangiye gukora imirimo yacyo bwa mbere hagati mu mwaka w' 2006; kiza ariko gukora imirimo yose y'umwaka muri 2007. Ni rwo rwego rwa mbere rw'ibarurishamibare rushinzwe gushyira ahagaragara imibare fatizo ishingirwaho mu igihugu hose kubera impamvu zinyuranye.

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare ni na cyo gihuza imirimo yose y'ibarurishamibare ku rwego rw'igihugu. Abakoresha iyo mibare na rubanda rwose rw'abanyarwanda bakaba ari bo bakiriya bacu mu bijyanye n'ibarurishamibare. Uretse abakoresha iyo mibare kandi, hari n'abandi ba ngombwa bakenerwa muri urwo rusobe rw'ibarurishamibare – nk'ababazwa bagasubiza, abashakisha iyo mibare nyiri izina, abayikwirakwiza, n'abaterankunga mu bikorwa by'iterambere.

II. ICYEREKEZO

Gushyiraho no gushimangira umuco wo gukorana ubuhanga bushingiye ku gushakisha no gukoresha imibare ngenderwaho mu kwihutisha iterambere.

III. INTEGO

Gufata iya mbere mu kongera ubushobozi bwo gukoresha imibare ifatika mu gufata ibyemezo hahujwe ingufu zose z'igihugu mu gushakisha no kubika imibare fatizo yizewe, gusesengura no gukwirakwiza mu buryo bworoshye kandi burambye amakuru yose yerekeye imibare fatizo.

IV. INSHINGANO ZACU Z'IBANZE

- Gutanga amakuru yose ajyanye n'imibare yizewe kandi iboneye ku bayikenera bose;
- Kunoza uburyo bwo kubona byoroshye imibare ngenderwaho ikenewe mu gihugu;
- Gushyiraho no guteza imbere ubufatanye bwo mu rwego rwo hejuru mu kunononsora ibijyanye n'ibarurishamibare ry'igihugu;
- Kongera ubushobozi bw'ibigo bya Leta mu bijyanye no guteza imbere ibarurishamibare;
- Gukora ku buryo habaho uburyo burambye, bwizewe kandi buboneye, bushingiye ku nyungu, bunagaragarira buri wese kandi bubaza buri wese inshingano ze mu gukoresha amakuru avuye mu ibarurishamibare ry'igihugu.

V. INDANGAGACIRO Z'IBANZE ZITURANGA

- Ubunyangamugayo n'ubwigenge mu kazi;
- Kwibanda ku guha serivisi abatugana;
- Kubahiriza amategeko y'umwuga atugenga;
- Guha agaciro ifaranga;
- Gukorera hamwe tudatatanije ingufu

VI. Amahame y'ingenzi agenga imibare fatizo igenderwaho mu igihugu

Ihame rya 1: Imibare fatizo igenderwaho mu igihugu itanga amakuru y'ingenzi mu rusobe rw'amakuru akenerwa mu bihugu birimo demokarasi, kuko bifasha Leta, abashinzwe ubukungu bw'igihugu na rubanda rwose ruyikeneye kumenya uko ubukungu bw'igihugu bwifashe, imyororokere y'abagituye, imibereho yabo ndetse n'ibibakikije. Ni yo mpamvu imibare fatizo igenderwaho mu gihugu yitabazwa

mu bintu byinshii bifitiye igihugu akamaro igomba gushakishwa, igashyirwa ahagaragara mu buryo budafifitse n'inzego zabugenewe z'ibarurishamibare, hagamijwe kubahiriza uburenganzira bw'abaturage bwo kumenya amakuru nyayo ku gihugu cyabo.

Ihame rya 2: Kugirango iyo mibare ngenderwaho y'igihugu igirirwe ikizere, inzego z'ibarurishamibare zigomba kubahiriza byimazeho amabwiriza yose agenga uwo mwuga, harimo n'amahame ndakuka agenga ubumenyi ndetse n'indangagaciro uwo mwuga ugenderaho mu gukusanya iyo mibare, kuyisesengura, kuyibika neza no kuyishyira ahagaragara nk'imibare fatizo izagenderwaho.

*Ihame rya 3: K*ugira ngo habeho isesengura nyaryo ry' iyo mibare fatizo igenderwaho, inzego z'ikigo cy'barurishamibare zigomba gutanga amakuru zikurikije amahame asanzwe agenga ubumenyi, nk'aho amakuru yaturutse n'uburyo iyo mibare fatizo ngenderwaho yabonetse.

Ihame rya 4: Inzego z'Ikigo cy'Ibarurishamibare zifite inshingano yo kugira icyo zivuga ku isesengura ritari ryo n'uburyo iyo mibare fatizo igenderwaho yaba koreshejwe nabi.

Ihame rya 5: Amakuru ku mibare fatizo ikoreshwa mu ibarurishamibare ashobora guturuka ahantu henshi kandi hatandukanye, haba mu nyigo zikoresha ibarurishamibare, cyangwa se mu nyandiko zibika amabanga y'ubuyobozi. Inzego z'Ikigo cy'Ibarurishamibare zigomba guhitamo inkomoko yayo zishingiye ku gaciro iyo mibare fatizo ifite, igihe yakusanirijwe, ikiguzi cyahawe abayitanga, ndetse n'ubushake bari bafite mu kuyitanga.

Ihame rya 6: Amakuru ajyanye n'imibare ivuga ku bantu bwite yakusanijwe n'inzego z'ibarurishamibare ku mpamvu z'akazi, yaba avuga ku bantu basanzwe cyangwa

abahagarariye abandi mu buryo bw'amategeko, agomba kubwirwa abo yagenewe gusa, kandi agakoreshwa ku mpamvu zishingiye ku ibarurishamibare gusa.

Ihame rya 7: Amategeko, amabwiriza n'ingamba zifatwa ku byerekeye imikorere y'ibarurishamibare agomba kujya ahagaragara akamenywa na bose.

Ihame rya 8: Guhuriza hamwe ibikorwa by'inzego zose z'Ibarurishamibare ziri mu gihugu ni ngomwa kugira ngo habeho imikorere myiza kandi ihamye y'izo nzego.

Ihame rya 9: Iyo inzego z'ibarurishamibare zubahirije amahame mpuzamahanga zishyira ibintu mu mwanya wabyo zikanakoresha uburyo buboneye, ibyo biteza imbere imikorere myiza kandi ihamye y'izo nzego kuri buri cyiciro urwego rurimo.

Ihame rya 10: Ubufatanye ku mpande zombi cyangwa ku mpande zose mu bikorwa by'ibarurishamibare bituma habaho iterambere ry'imikorere y'inzego z'ibarurishamibare mu bihugu byose.

SERIVISI ZITANGWA N'IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHA-MIBARE (NISR)

Ubwoko bwa serivisi 1: Gukora ku buryo imibare fatizo ngenderwaho itangwa ku bayikeneye bose.

Serivisi ni iyihe? **Ese nujuje ibisabwa?**	Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare gikora nk'isoko bahahiramo imibare fatizo yose yo mu gihugu. Bityo rero kigashyira ahagaragara imibare fatizo cyashakashatse ndetse n'iyashyizwe ahagaragara n'iy'izindi nzego za

	Leta. Yego
Ishami ry'ubuyobozi ibarizamo.	✓ Ishami ry'Uburyo bukoreshwa mu Ibarurishamibare, Ubushakashatsi no gusohora ibyanditwe. ✓ Ishami rishinzwe guhuza ikigo n'izindi nzego n'itangazamakuru, n'ibiro bya 'One Stop Center"
Ni ryari nabona iyo serivisi?	Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Kane: Kuva saa moya za mu gitondo kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba. Ku wa Gatanu: Kuva saa moya za mu gitondo kugeza saa kumi z'umugoroba
Igihe bimara ngo iyo serivise itangwe. Cyangwa iyo serivisi iyo yasabwe hashira igihe kingana iki ngo iboneke?	Ako kanya
Niba iyo serivisi yishyurwa igiciro ni ikihe?	Ntacyo
Ni ibihe bya ngombwa bisabwa ngo uyihabwe?	Ntabyo
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	Reba ku rubuga rwa NISR: www.statistics.gov.rw Reba ku rubuga rwa IMIS Rwand: www.imisrwanda.gov.rw Reba ku rubuga DevInfo Rwanda:

	www.devinforwanda.gov.rw Twandikire kuri imeyire aderesi ikurikira : info@statistics.gov.rw Sura ibiro bacu bya ‘’**One stop center’’** biri ku cyicaro gikuru cy’Ikigo cy’Igihugu cy’Ibarurishamibare mu masaha y’akazi
Ese hari izindi nzego, niba zihari, bisaba ko nyuramo ngo mbone iyo serivisi? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese haba hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	-
Ese haba hari andi makuru y’inyongera akenewe kumenywa arebana n’iyi serivisi?	✓ Itegeko-ngenga No 10/2005 ryo mu Ukwakira 2005 rishyiraho Ikigo cy’Igihugu cy’Ibarurishamibare (NISR) ✓ Aderesi ya imeyire yacu: info@statistics.gov.rw ✓ Sura ibiro byacu bya ‘’**One stop center’’** biri ku cyicaro gikuru cy’Ikigo cy’Igihugu cy’Ibarurishamibare mu masaha y’akazi ✓ Ukeneye andi makuru kuri twe, hamagara

	nomero za telefoni zikurikira: **0788459727** cyangwa **0788753246** mu masaha y'akazi
Impapuro zabugenewe zihari buzuza	-
Izindi nyandiko z'amategeko zikenewe	-

Ubwoko bwa serivisi ya 2: Viza

Ni iyihe Serivisi? Ese nujuje ibisabwa?	Nk'uko Ingingo ya 15 n'iya 17 z'Itegeko-ngenga No.01/2005 ryo kuwa 14/02/2005 rishyiraho UBURYO IMIRIMO Y"IBARURISHAMIBARE MU RWANDA IKORWA zibivuga, inyigo zijyanye n'ibarurishamibare zikozwe mu gihugu hoze cyangwa byibura mu ntara yose imwe, zigomba kubanza guhabwa uruhusa ruva mu Kigo cy"igihugu cy'Ibarurishamibare. Isuzuma n'itangwa ry'uruhuza rwa NISR bishingira ku kamaro n'uburyo buboneye buzitabazwa muri ako kazi. Ikigamijwe muri iryo suzuma ni ukumenya neza niba ayo makuru fatizo azagerwaho nyuma y'inyigo azaba ari yo koko kandi yubahirije ibya ngombwa byose byitabazwa mu mirimo y'ibarurishamibare.

Ishami ry'ubuyobozi wabarizamo.	✓ Ishami ry'Uburyo bukoreshwa mu Ibarurishamibare, Ubushakashatsi no Gusohora ibyanditwe.
Ni ryari nabona iyo serivisi?	Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Kane: Kuva saa moya kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba. Ku wa Gatanu: Kuva saa moya kugeza saa kumi
Igihe bimara ngo iyo serivise itangwe. Cyangwa iyo serivisi iyo yasabwe hashira igihe kingana iki ngo iboneke?	Ibigo bya Leta n'ibyigenga biragirwa inama yo gutanga inyandiko zisaba gukora inyigo n'ibibazo bizifashishwa ku Kigo cy'ibarurishamibare byibura mu byumweru bitandatu mbere yo gutangira gukusanya amakuru y'ibanze.
Niba iyo serivisi yishyurwa igiciro ni ikihe?	Itangirwa ubuntu
Ni ibihe bya ngombwa bisabwa ngo uyihabwe?	✓ Ibigamijwe kugerwaho n'iyo nyigo ✓ Iyo nyigo izakorwa ite mu buryo burambuye (Gukoresha ingero z'ahantu hamwe, gutoranya….) ✓ Urutonde rw'ibibazo ✓ Igihe n'ikiguzi by'iyo nyigo ✓ Umworondoro w'Umushakashatsi ✓ Ibaruwa ibisaba yandikiwe Umuyobozi Mukuru wa NISR
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	✓ Ibaruwa ibisaba iherekejwe n'ibindi byangombwa byose bihamya ibiyirimo yandikirwa

	Umuyobozi Mukuru wa NISR ikagezwa muri Biro by'Ubunyamabanga Rusange. ✓ Itabaze Agatabo k'Amabwiriza (y'uko ibintu bikorwa).
Ese hari izindi nzego, niba zihari, bisaba ko nyuramo ngo mbone iyo serivisi? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese haba hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	✓ Ibaruwa isaba kurenganurwa yandikirwa Umuyobozi Mukuru wa NISR ✓ Reba agatabo k'amabwiriza y'ibya Viza.
Ese haba hari andi makuru y'inyongera akenewe kumenywa arebana n'iyi serivisi?	Itegeko-ngenga No.01/2005 ryo kuwa 14/02/2005 rishyiraho UBURYO IMIRIMO Y"IBARURISHAMIBARE MU RWANDA IKORWA Ukeneye andi makuru y'inyongera: ✓ Hamagara kuri telephone zikurikira: **0788459727** cyangwa **0788753246** mu masaha y'akazi cyangwa uze ku biro bishinzwe guhuza ikigo n'izindi nzego n'Itangazamakuru, ndetse no ku biro bya 'One Stop Center' ✓ Sura urubuga rwa Interineti

	rwa NISR : www.statistics.gov.rw ✓ Twohererereze amakuru kuri iyi imeyire : info@statistics.gov.rw
Impapuro zabugenewe zihari buzuza	-
Izindi nyandiko z'amategeko zikenewe	-

Ubwoko bwa serivisi ya 3: Guhuza Inzego z'igihugu z'Ibarurishamibare

Ni iyihe Serivisi? **Ese nujuje ibisabwa?**	Ikigo cy"igihugu cy'Ibarurishamibare ntikigamije guteza imbere ubushobozi bwacyo gusa ahubwo giteza imbere n'ubushobozi bw'izindi nzego zose z'ibarurishamibare mu gutanga, gusesengura, gukoresha no gukwirakwiza imibare ngenderwaho yemewe. Ikigo kandi gitanga amahugurwa kikanatera inkunga yo mu rwego rwa tekiniki ababarurishamibare, abashinzwe igenamigambi n'abashyira mu bikorwa gahunda zitandukanye. Kigomba kubahiriza ibikurikira: ✓ **Kugendera ku mahame y'ibarurishamibare asanzwe.** ✓ **Ubufatanye hagati y'inzego**

	✓ **Kugena Gahunda y'Ibarurishamibare ku rwego rw'igihugu** ✓ **Gukoresha uburyo bwose bw'ibarurishamibare buva mu nzego zose** ✓ **Gahunda yo kubaka ubushobozi** Abujuje ibisabwa ni : ✓ Abashyira ahagaragara iyo mibare fatizo ngenderwaho: Inzego za Leta zinyuranye zikusanya iyo mibare fatizo zikanayiha abayikeneye bose; ✓ Abakoresha iyo mibare fatizo: Inzego zinyuranye zikoresha iyo mibare fatizo mu gukora igenamigambi no gufata ibyemezo; ✓ Abatanga iyo mibare fatizo: Inzego zinyuranye, ingo z'abantu, abantu ku giti cyabo batanga amakuru ashingirwaho kugena iyo mibare fatizo bakayaha Ikigo cy'igihugu cy'Ibarurishamibare ndetse n'abandi bashakashaka ayo makuru ngenderwaho ku mpamvu z'ibarurishamibare. Ibigo by'amashuri bitanga inyigisho n'amasomo ku ibarurishamibare.
Ishami ry'ubuyobozi wabarizamo.	Ishami ry'Uburyo bukoreshwa mu Ibarurishamibare, Ubushakashatsi no Gusohora

	ibyanditwe.
Ni ryari nabona iyo serivisi?	Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Kane: Kuva saa moya (7:00 am) kugeza saa kumi n'imwe (5:00 pm). Ku wa Gatanu: Kuva saa moya (7:00 am) kugeza saa kumi (4:00 pm)
Igihe bimara ngo iyo serivise itangwe. Cyangwa iyo serivisi iyo yasabwe hashira igihe kingana iki ngo iboneke?	Iminsi 3
Niba iyo serivisi yishyurwa igiciro ni ikihe?	Ntacyo
Ni ibihe bya ngombwa bisabwa ngo uyihabwe?	Ntabyo
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	✓ Urwandiko rubisaba rwandikirwa Umuyobozi Mukuru wa NISR ✓ Uburyo bw'ihuzabikorwa rya NSS buboneka ku Rubuga rwa NISR
Ese hari izindi nzego, niba zihari, bisaba ko nyuramo ngo mbone iyo serivisi? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese haba hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo	-

serivisi?	
Ese haba hari andi makuru y'inyongera akenewe kumenywa arebana n'iyi serivisi?	✓ Itegeko-ngenga **No.01/2005 of 14/02/2005** on the ORGANIZATION OF STATISTICAL ACTIVITIES IN RWANDA ✓ National Statistical System Coordination Framework ✓ Itegeko-ngenga No.01/2005 ryo kuwa 14/02/2005 rishyiraho UBURYO IMIRIMO Y"IBARURISHAMIBARE MU RWANDA IKORWA ✓ Ihuzabikorwa ry'Igihugu ku bijyanye n'imirimo yose y'barurishamibare
Impapuro zabugenewe zihari buzuza	
Izindi nyandiko z'amategeko zikenewe	

Ubwoko bwa serivisi ya 4: Serivisi y'Ubuyobozi

A. Gutanga akazi

Ni iyihe Serivisi?	**Gutanga akazi**: Ikigo cy'igihugu cy'Ibarurishamibare cyemera ko abakozi bacyo ari bo mutungo wacyo ufite agaciro kurusha iyindi, kandi ko kurangiza neza inshingano zacyo biterwa ahanini n'ubwitange mu kazi bw'abakozi bacyo. Bityo
Ese nujuje ibisabwa?	

	rero, icyo kigo kigomba gukoresha uburyo bwose gishoboye kugira ngo gihe akazi abakozi babikwiye, babifitiye ubumenyi, ubushobozi n'ubushishozi, ndetse n'impano bijyanye n'akazi bazakora. Ikigo cy'igihugu cy'Ibarurishamibare kigomba gukora ku buryo abakozi binjizwa mu kazi n'uko bahitwamo bikorwa ku buryo buboneye nta buriganya, kandi bijyanye n'Ihame rya Leta ryo guha abantu amahirwe angana mu itangwa ry'akazi. Ni yo mpamvu abasabye akazi bose batoranywamo abahabwa akazi bigendeye ku bushobozi bafite, amashuri bize, ubuzobere bw'akazi, impamyabumenyi n'impamyabushobozi zisabwa, hatitawe ku gitsina cyabo, ubwoko, ibara ry'uruhu, aho bakomoka, ubumuga, kuba barashatse cyangwa ari ingaragu, imyaka yabo, idini basengeramo, ibitekerezo bya politiki byabo, cyangwa se urwego rw'ubukire bagezeho mu muryango nyarwanda.
Ishami ry'ubuyobozi wabarizamo.	Ishami ry'Ubuyobozi
Ni ryari nabona iyo serivisi?	Kuva ku wa Mbere kugeza kuwa Kane: kuva saa moya za mu gitondo (7:00 am) kugeza saa Kumi n'imwe z'umugoroba (5:00

	pm) Kuwa Gatanu: kuva saa moya za mugitondo (7:00 am) kugeza saa Kumi za nimugoroba (4:00 pm)
Igihe bimara ngo iyo serivise itangwe. Cyangwa iyo serivisi iyo yasabwe hashira igihe kingana iki ngo iboneke?	Niba habonetse umwanya w'akazi mushya uburyo bukoreshwa mu itangwa ry'ako kazi bukubahiriza Itegeko-teka rya Perezida wa republika nº 83/01 of 09/12/2010 rigena uburyo abakozi ba Leta bahabwa akazi.
Niba iyo serivisi yishyurwa igiciro ni ikihe?	Ntacyo
Ni ibihe bya ngombwa bisabwa ngo uyihabwe?	✓ Kuzuza impapuro zabugenewe zibisaba ✓ Fotokopi y'indangamuntu ✓ Fotokopi y'impamyabumenyi n'iy'ibindi byaba bisabwa. ✓ Ibindi bya ngombwa byose bisabwa bitewe n'umwanya w'akazi usabwa n'ibibigomba kubahirizwa ngo gatangwe.
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	✓ Abasaba akazi bagomba kuzuza impapuro zigasaba zabugenewe ziboneka ku rubuga rwa NISR no mu Bunyamabanga Rusange cyangwa se ku rbuga rwa Komisiyo ishinzwe serivisi y'abatugana. ✓ Ibaruwa isaba akazi yandikirwa Umuyobozi Mukuru wa NISR hanyuma ikoherezwa mu biro

	by'Ubunyamabanga Rusange. ✓ Gusaba akazi bishobora no gukorwa ku rubuga rwa interineti
Ese hari izindi nzego, niba zihari, bisaba ko nyuramo ngo mbone iyo serivisi? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Komisiyo y'Abakozi ba Leta
Ese haba hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	Uburyo bwuzuye bwitabazwa mu kurenganurwa bugaragara neza mu Itegeko-teka rya Perezida wa Repubulika **nº 83/01 of 09/12/2010** rigena uburyo abakozi ba Leta bahabwa akazi.
Ese haba hari andi makuru y'inyongera akenewe kumenywa arebana n'iyi serivisi?	✓ **Itegeko-teka rya Perezida wa Repubulika nº 83/01 of 09/12/2010 rigena uburyo abakozi ba Leta bahabwa akazi.** ✓ Reba k'urubuga rwa interineti rwa NISR: www.statistics.gov.rw kugira ngo ubone imyanya y'akazi yaba iri ku isoko. ✓ Ukeneye ibindi bisobanuro, twandikire kuri emayire ikurikira : info@statistics.gov.rw
Impapuro zabugenewe zihari buzuza	Impapuro zisaba akazi zabugenewe zishobora gukurwa ku rubuga rwa interineti rwa Komisiyo y'Abakozi ba Leta

	cyangwa ku cyicaro gikuru cya NISR.
Izindi nyandiko z'amategeko zikenewe	

B. Icyemezo cyanyuma Cy'Umukoresha

Serevisi n'iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Icyemezo cyanyuma cy'Umukoresha: Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ibarurisha mibare kizi ko abakozi bacyo ari umutungo ukomeye akaba ariyo gitanga icyemezo kigaragaza ko abakozi bagikorera cyangwa bagikoreye byaba abafite amasezerano arambye cyangwa y'Igihe gito.
Ni hehe serivisi itangirwa	Muri serivisi ishinzwe umuyobozi
Serevisi itangwa ryari?	Kuwa mbere kugeza kuwa kane guhera saa moya zamugitondo kugeza saa kumi nimwe. Kuwa gatanu guhera saa moya zamugitondo kugeza saa munani zakumanywa
Uhereye igihe wasabiye serevisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Kiboneka mu minsi itatu y'Imibyizi nyuma yokubisaba

Niba serivisi yishyurwa igiciro ni ikihe?	Nta kiguzi gihari serivisi n'Ubuntu
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	Urupapuro rubisaba, kopi y'Ikarita y'Akazi cyangwa kopi y'Amasezerano
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Usaba iki cyemezo yuzuza impapuro zabigenewe zisangwa m'Ubunyamabanga rusange bw'Iki kigo
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serevisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serevisi?	Wandikira Ubuyobozi bw'Ikigo cyangwa ukiyizira ubwawe
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serevisi?	Ukeneye ibindi bisobanuro wakwandika kuri aduresi :info@statistics.gov.rw
Impapuro zuzuzwa	Impapuro zuzuzwa zisaba iyo serivisi
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	Ntabyo

Ubwoko bwa serivisi ya 5: Serivisi yo Kugura ibikenewe/gutanga amasoko

Ni iyihe Serivisi? **Ese nujuje ibisabwa?**	Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare gitanga serivisi zo kugura ibikenewe ku bakiriya bayo benshi baba ab'imbere mu kigo cyangwa abo hanze yacyo. Ubufasha bwihariye bushobora gusabwa ndetse bukanahabwa abakiriya cyangwa amashyirahamwe ashaka gupiganwa ngo ahe NISR ibintu cyangwa serivisi zikenewe.
Ishami ry'ubuyobozi wabarizamo.	Ibiro bishinzwe kugura ibikenewe
Ni ryari nabona iyo serivisi?	Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Kane: Kuva saa moya za mu gitonndo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba. Ku wa Gatanu: Kuva saa moya za mu gitondo kugeza saa kumi za nimugoroba.
Igihe bimara ngo iyo serivise itangwe. Cyangwa iyo serivisi iyo yasabwe hashira igihe kingana iki ngo iboneke?	Igihe ipiganwa rimara ki zahinduka bitewe n'ubwoko bw'ipiganwa. ✓ Iminsi 45 ku bintu na serivisi bikenewe ✓ Iminsi 90 kuri serivisi mpuzamahanga.
Niba iyo serivisi yishyurwa igiciro ni ikihe?	✓ Igiciro Inyandiko y'ipiganwa igura ✓ Garanti y'ipiganwa niba iteganywa
Ni ibihe bya	Mu byangombwa bisabwa

ngombwa bisabwa ngo uyihabwe?	hashobora kubamo ibyangombwa by'Ubucuruzi, Iby'uko Imisoro yarishywe bitangwa n'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro; ariko ubwoko bw"ibindi byangombwa bisabwa bizaterwa n'ubwoko bw'ipiganwa nyirizina.
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	✓ Abantu ku giti cyabo cyangwa amashyirahamwe bashaka gupiganirwa isoko rusange ryatanzwe na NISR bagomba mbere ya byose kugura inyandiko y'ipiganwa isobanura ibya ngombwa byose bisabwa. ✓ Abantu ku giti cyabo cyangwa amashyirahamwe bakeneye gufashwa ku rwego urwo ari rwo rwose rw'ipiganwa bashobora gusaba inama ku Biro bishinzwe Gutanga Amasoko. ✓ Reba Itegeko ry'u Rwanda ku byerekeye Itangwa ry'Isoko Rusange **No 12/2007** ryo ku wa **29 Werurwe 2007** riri ku mbuga za interineti za NISR cyangwa RPPA
Ese hari izindi nzego, niba zihari, bisaba ko nyuramo ngo mbone iyo serivisi? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa	✓ Ibiro bishinzwe Imisoro n'Amahoro ✓ Inama y"ubuyobozi ishinzwe Ubwiteganyirize bw'Abakozi b'u Rwanda ✓ Inama y"ubuyobozi ishinzwe

gushaka ibindi byangombwa)	Iterambere ry'u Rwanda, na ✓ Banki Nkuru y'Igihugu ✓ Ibiro bishinzwe Gutanga Amasoko ya Leta.
Ese haba hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	**Uburyo bwuzuye bwitabazwa mu kurenganurwa bugaragazwaa neza n'Itegeko ngena-mikorere Nº 12/2007 ryo ku wa 29 Werurwe 2007 rigena itangwa ry'amasoko ya Leta.**
Ese haba hari andi makuru y'inyongera akenewe kumenywa arebana n'iyi serivisi?	Sura iteka imbuga zikurikira: ✓ www.nisr.gov.rw ✓ www.market.gov.rw/Ubuyobozi bw'Imari ✓ Lisiti yerekana ibya ngombwa byose bikenerwa mu kuzuza dosiye y'itangwa ry'amasoko iboneka ku rubuga rwa interineti rwa NISR. ✓ Sura ibiro bikuru bya NISR
Impapuro zabugenewe zihari buzuza	
Izindi nyandiko z'amategeko zikenewe	

Ubwoko bwa serivisi ya 6: Serivisi y'Imari

Ni iyihe Serivisi? Ese nujuje ibisabwa?	**Kwishyura**: Abantu ku giti cyabo cyangwa amashyirahamwe ashaka kwishyurwa amafaranga y'ibintu cyangwa serivisi yahaye NISR asabwa kubahiriza ingingo zose zerekana uko bikorwa
Ishami ry'ubuyobozi wabarizamo.	Ishami ry'icungamutungo
Ni ryari nabona iyo serivisi?	Kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Kane: Kuva saa moya za mu gitonndo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba. Ku wa Gatanu: Kuva saa moya za mu gitondo kugeza saa kumi za nimugoroba.
Igihe bimara ngo iyo serivise itangwe. Cyangwa iyo serivisi iyo yasabwe hashira igihe kingana iki ngo iboneke?	Iyo ibisabwa byose byujujwe, kwishyurwa ntibyagombye kurenza iminsi itatu
Niba iyo serivisi yishyurwa igiciro ni ikihe?	Ntacyo
Ni ibihe bya ngombwa bisabwa ngo uyihabwe?	✓ Urwandiko rwemeza ibigomba kugurwa ✓ Inyemezabuguzi ✓ Urwandiko rusaba kuzana ibigoomba kugurwa rusinyweho n'impande zombi ✓ Garanti ya Banki niba ari ngombwa ✓ Icyemezo cy'uko nta mwenda w'imisoro

	n'amahoro barimo niba abakiriya badakeneye kuvanwaho amahoro. ✓ Kontaro
Binyura mu zihe nzira kugirango uyihabwe?	Shyikiriza ibyangombwa byose bivugwa hejuru ku Bunyamabanga Rusange bwa NISR
Ese hari izindi nzego, niba zihari, bisaba ko nyuramo ngo mbone iyo serivisi? (Urugero nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese haba hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?	✓ Ibisabwa byose bigaragazwa na kontaro ✓ Amategeko agenga iby'icungamari No …….. ✓ Uburyo ibintu bikorwa bwerekanwa mu Itegeko rigena itangwa ry'amasoko ya Leta No 12/2007 ryo kuwa 29 Werurwe 2007 ✓ Andikira Umuyobozo Mukuru wa NISR ✓ Visit or call NISR DDG/CS or Finance Director Sura cyangwa uhamagare Umuyobozi Mukuru wungirije/Ushinzwe Imirimo Rusange cyangwa Umuyobozi w'Ishami ry'Imari.
Ese haba hari andi makuru y'inyongera	

akenewe kumenywa arebana n'iyi serivisi?	
Impapuro zabugenewe zihari buzuza	Ntazo
Izindi nyandiko z'amategeko zikenewe	**Itegeko No 12/2007 ryo kuwa 29 Werurwe 2007rigena itangwa ry'amasoko ya Leta**

Ubwoko bwa serivisi ya 7: Amakarita

Serevisi n'iyihe? **Nujuje ibisabwa?**	Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare gitanga amoko menshi y'Amakarita: Amakarita y'Inzego z'Ubuyobozi z'Urwanda, uturere, imirenge, utugari kugeza kurwego rw'Umudugudu; n'Amakarita agaragaza ibipimo by' iterambere ry'Ubukungu. Aya makarita afotorwa mu moko maremare agera kuri A0 (46.8*33.11inch). iki kigo kandi gitanga inama yose ijyanye nogukora amakarita nogupima ubutaka.
Ni hehe serivisi itangirwa	Muri serivisi ishinzwe ikoranabuhanga
Serevisi itangwa ryari?	Kuwa mbere kugeza kuwa kane guhera saa moya zamugitondo kugeza saa kumi nimwe. Kuwa gatanu guhera saa moya

	zamugitondo kugeza saa munani zakumanywa
Uhereye igihe wasabiye serevisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?	Biterwa n'Ubwoko bw'Ikarita wasabye, iyo ari ikarita isanzwe y'Inzego z'Ubuyobozi bitwara iminsi ibiri
Niba serivisi yishyurwa igiciro ni ikihe?	Ingano Igiciro AO 15.000frw A1 10.000frw A3 5.000frw A4 1.500frw Buri kopi itanzwe muburyo bw'Ikoranabuhanga n'Amafaranga 5.000frw
Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe?	Ibaruwa yandikiwe Umuyobozi mukuru w'Ikigo Icyemezo kigaragaza ko wishyuye ku ikigo cy'Igihugu gishinzwe imisoro n'Amahoro
Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?	Wandikira Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurisha mibare, igashyirwa mubunyamabanga rusange, ukanagaragaza

	icyemezo cy'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe imisoro n'Amahoro bishyikirizwa umuyobozi wa serivisi y'Ikoranabuhanga.
Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serevisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)	Ntazo
Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serevisi?	Wandikira Ubuyobozi bw'Ikigo cyangwa ukiyizira ubwawe
Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serevisi?	Ukeneye ibindi bisobanuro wahamagara kuri izi telefoni zikurikira: 0788148944 cyangwa 0783730459 mu masaha y'Akazi Cyangwa ugasura urubuga rwa interineti kuri: www.statistics.gov.rw Kumuronga wa interineti: info@statistics.gov.rw
Impapuro zuzuzwa	Ntazo
Ibyangombwa bisabwa n'amategeko	Ntabyo